



REPUBLIKA Y'U RWANDA



IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI K'UKUBOZA 2019

10 Mutarama 2020

IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI K'UKUBOZA 2019

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi k'Ukuboza 2019. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 6,7% mu kwezi gushize k'Ukuboza 2019 ugereranyije n'Ukuboza 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 6,9%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 6,7% mu kwezi k'Ukuboza ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 14,9% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 20,6%.

Iyo ugereranyije Ukuboza 2019 n'Ukuboza 2018, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 3,6%.

Wagereranya ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2019) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019), ibiciro byagabanutseho 0,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 1,8%

B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize k'Ukuboza 2019, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 15,8% ugereranyije n'Ukuboza 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 15,5%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongeraho 15,8% mu kwezi k'Ukuboza ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 27,9% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 24%.

Ugereranyije ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2019) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019), ibiciro byagabanutseho 1,1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,5%.

Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi k'Ukuboza 2019 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 11,9% ugereranyije n'Ukuboza 2018. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019) ryari ku kigereranyo kingana na 11,8%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongereyeho 11,9% mu kwezi k'Ukuboza 2019 ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byazamutseho 23,8% n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 22,9%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cumi n'abiri (Ukuboza 2019) n'ukwezi kwa cumi na kumwe (Ugushyingo 2019) ibiciro byagabanutseho 0,8%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 2,3%.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mu Ukuboza 2018 kugeza mu Ukuboza 2019.

| Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva mu Ukuboza 2018 kugeza mu Ukuboza 2019 | | | | | | | | | | | | | |
|---|------|------|------|-----|------|------|------|------|-----|-----|-----|------|------|
| <i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i> | | | | | | | | | | | | | |
| | 2018 | 2019 | | | | | | | | | | | |
| | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 1,1 | 1,0 | 0,8 | 1,1 | 0,2 | 0,0 | 0,9 | 1,9 | 2,3 | 3,1 | 4,4 | 6,9 | 6,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | -0,6 | -0,4 | -1,3 | 0,4 | -0,7 | -0,7 | 0,9 | 1,3 | 3,2 | 5,8 | 9,2 | 15,5 | 15,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 0,1 | 0,2 | -0,4 | 0,7 | -0,3 | -0,4 | 0,9 | 1,6 | 2,8 | 4,6 | 7,2 | 11,8 | 11,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 1,1 | 0,3 | 0,9 | 0,0 | 0,0 | 0,9 | 0,9 | 0,6 | 1,9 | -0,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | -1,3 | 0,0 | -0,4 | 3,1 | 1,2 | 0,8 | -0,1 | -0,2 | 2,5 | 2,2 | 1,9 | 5,2 | -1,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | -0,8 | 0,0 | -0,1 | 2,2 | 0,9 | 0,8 | -0,1 | -0,1 | 1,8 | 1,6 | 1,4 | 3,8 | -0,8 |

Isoko: Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda

Ku bindi bisobanuro:

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw